# Izi swalat ziremerera indyarya, n'iyo muza kumenya ibyiza bizirimo mwari kujya muza kabone n'iyo mwaba mukambakamba

Hadith yaturutse kwa Ubay Ibun Ka'ab (Imana imwishimire) yaravuze ati: Umunsi umwe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yadusarishije iswalat ya mu gitondo, maze iravuga iti: Ese kanaka arahari? Barayisubiza bati: Oya, irongera irabaza iti: Ese kanaka arahari? Barayisubiza bati: Oya; maze iravuga iti: " Izi swalat ziremerera indyarya, n'iyo muza kumenya ibyiza bizirimo mwari kujya muza kabone n'iyo mwaba mukambakamba, kandi umurongo w'imbere umeze kimwe nk'uw'abamalayika nabo niwo baba bariho, n'iyo muza kumenya ibyiza byo kuwusaliraho mwari kujya muwutanguranwa. Kandi iswalat umugabo akoranye na mugenzi we iruta iyo yakora ari wenyine, n'iswalat akoranye n'abantu babiri iruta iyo akoze ari kumwe n'umuntu umwe, na buri uko biyongera niko irushaho gukundwa na Allah Nyir'ubutagatifu.

[Hadithi y'impamo] [رواه أبو داود والنسائي وأحمد]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) umunsi umwe yadusalishije iswalat ya mu gitondo, irangije irabaza iti: Ese kanaka ari kumwe natwe? Abasangirangendo barayisubiza bati: Oya. Irongera irabaza iti: Ese kanaka ari kumwe natwe? Iri kubaza undi muntu. Barayisubiza bati: Oya. Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: Mu by'ukuri iswalat ya mu gitondo n'iya nijoro igora indyarya, kubera ko ari ibyo bihe bagiramo ubunebwe, ni nabyo bihe gukorera ijisho biba gacye, kuko mu mwijima nta muntu uba ababona. N'iyo muza kumenya yemwe bemeramana ibihembo by'izi swalat ebyiri iya mu gitondo (Subhi) n'iya nijoro (Al Ishai), kubera ko ibihembo bishingira ku mvune umuntu aba yagize, mwari kujya muza kuzisali kabone n'iyo mwaza mukambakamba. Kandi umurongo w'imbere uba uri bugufi na Imam nk'uko abamalayika baba bari bugufi na Nyagasani wabo, kandi iyo abemeramana bamenya ibyiza byo gusalira ku murongo w'imbere bari kujya basiganwa. Kandi iswalat y'umugabo akoranye na mugenzi we irusha ibihembo iyo yakora ari wenyine, n'iyo akoranye n'abagabo babiri iruta iyo yakora ari kumwe n'umugabo umwe. Kandi iswalat abantu bitabiriye niyo Allah akunda kandi niyo nziza.